# 399: Iyi si turimo

1. Iyi si turimo—N' iy'ibyago N'iy'umubabaro—N'amakuba; Isi nshya tujyamo, Yo n' iy'igikundiro N'iy'umunezero—N'amahoro.

2. Kukw ari ho Yesu—Atunganya, Ari hw azajyana—Abantu be.Abo yikurive Mu bise by'urupfu rwe, Abo yikirije,—Bakab' abe.

3. Yemw' abakijijwe—N'amaraso. Mwaneshej' ibyaha—Kubwa Yesu,Muhore mukunda Umuremyi w'ijuru, Muhore mwifuza—Kuzabayo.

4. Nimuze, twibuke—Ababayo : Nta byaha bagira; n' ab'Imana.Natw' abakijijwe Dukund' Umucunguzi, Tunezerenye ko—Tuzab' i We.

5. Nimuze, tugire—Umutima Uzinukw' iyi si—y'umwijima, Kukw abari mw isi Bataz' Umucunguzi, Batandukanijwe—N'Uwiteka.

Visit us at indirimbo.com